# INYANDIKO NGENDERWAHO MU GUSUZUMA UBUJURIRE BW'ABANYESHURI BO MU MASHURI MAKURU NA KAMINUZA BAKENEYE INGUZANYO YA BURUSE

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu afatanyije na Minisitiri w'Uburezi,**

Bamaze kubona ko hari abanyeshuri bo mu Mashuri Makuru na Kaminuza batanze ubujurire bujyanye no guhabwa inguzanyo yo kwiga,

Bamaze kubona ko hari abanyeshuri bafite ibibazo by'umwihariko bikwiye kwitabwaho,

Hashingiwe ku myanzuro y'inama yabaye tariki esheshatu Nzeri 2013, igahuza Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisitiri w'Uburezi, Minisitiri Ushinzwe Imirimo y'Inama y'Abaminisitiri, Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Imibereho Myiza n'Amajyambere Rusange, ba Guverineri b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali; yasuzumaga aho igikorwa cyo kwiyandikisha mu mashuri makuru na kaminuza kigeze na zimwe mu mbogamizi zigaragara mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki nshya igenga itangwa ry'inguzanyo mu mashuri makuru na kaminuza,

***Bemeje ibi bikurikira:***

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

### Ingingo ya mbere: Icyo iyi nyandiko igamije

Iyi nyandiko ngenderwaho igena uburyo komite zigomba gusuzuma ubujurire bw'abanyeshuri biga mu Mashuri Makuru na Kaminuza bakeneye inguzanyo ya buruse.

## UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO RYA KOMITE N'UBURYO IZASUZUMA UBUJURIRE BW'ABANYESHURI BAFITE IBIBAZO BYIHARIYE

**Ingingo ya 2. Abagize komite y'ubujurire**

Komite y'ubujurire kuri buri Karere igizwe n'aba bakurikira:

1. Umuyobozi w'Akarere wungirije Ushinzwe Imibereho myiza ari nawe muyobozi wayo;
2. Umuyobozi Ushinzwe Uburezi mu Karere;
3. Umuyobozi Ushinzwe Imiyoborere myiza mu Karere;
4. Abahagarariye Inzego z'Umutekano.

**Ingingo ya 3: Abo ubujurire bureba**

Ubujurire buvugwa muri iyi nyandiko bureba abanyeshuri biga cyangwa bashaka kwiga amashuri makuru na kaminuza bagaragaje ko bafite ibibazo byihariye, bikandikwa ku ifishi zisaba inguzanyo zigashyirwaho umukono n'Ubuyobozi bw'Akarere.

**Ingingo ya 4: Ibifatwa nk'ibiibazo byihariye**

Umunyeshuri ufatwa nk'ufite ibibazo byihariye ni:

1. Impfubyi y'ababyeyi bombi yirera kandi bigaragara ko ababyeyi nta mutungo basize;
2. Impfubyi y'ababyeyi bombi yashyizwe mu cyiciro cy'ubudehe cy'umuryago uyirera;
2. Ukomoka mu muryango wahuye n'ikibazo kizwi cyawuhungabanyije ku buryo bugaragarira uwo ariwe wese kigatuma nta bushobozi ugifite bwo kumwishyurira;
3. Ikindi kibazo cyose cyagaragarira komite mu bushishozi bwayo ko kidasanzwe.

**Ingingo ya 5: Uburyo komite izakora**

1. Komite ishingira ku nyandiko z'ubujurire zakiriwe mbere y'italiki ya 10 Nzeri 2013mu nzego za Leta zitandukanye zirimo : Ibiro bya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Ibiro bya Minisitiri w'Intebe, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisiteri y'Uburezi, Urwego rw'Umuvunyi, Intara, Akarere n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Uburezi(REB);
2. Inyandiko zizandikwa n'abanyeshuri nyuma y'itariki bujurijeho ifishi kandi batari bagaragaje ko bafite ibibazo ku mafishi yabo ntizizemerwa;
3. Ibibazo bizasuzumwa hakurikijwe Umurenge, Akagari n'Umudugudu umuyeshuri akomokamo;
4. Komite izakora ingengabihe yo gusura, igihe ari ngombwa, Imidugudu ifite abanyeshuri bajuriye kandi ikamenyeshwa abo bireba bose;
5. Numa yo gukusanya amakuru yose ku banyeshuri bajuriye, komite ikora isesengura mu muhezo, kandi igakora raporo y'ibibazo byose yasuzumye ikayohereza Minisitiri y'Uburezi, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu , Guverineri w' Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali bireba n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Uburezi (REB) bakagenerwa kopi.
6. Komite ntihindura icyiciro cy'ubudehe kuko ivugururwa ry'ibyiciro by'ubudehe rifite gahunda rigenderaho;
7. Raporo iteganyijwe mu gace ka 5 k'iyi ngingo igomba kugaragaza ibi bikurikira;

a) Umwirondoro w'umunyeshuri;
b) Aho umunyeshuri aherereye;
c) Ishuri yigamo;
d) Umwanzuro watanzwe kuri buri munyeshyuri.

**Ingingo ya 6: Igihe komite ihawe cyo kurangiza iki gikorwa**

Komite izatangira gusuzuma ibibazo by'ubujurire guhera taliki 11 Nzeri 2013 igeze taliki 20 Nzeri 2013.

Mbere yo gutangira iki gikorwa, hazaba inama ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali bitarenze taliki 10 Nzeri 2013 ihuze abagize komite zose z'Uturere tugize Intara/Umujyi wa Kigali kandi iyoborwe na Guverineri w'Intara/Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali atange umurongo ngenderwaho n'igitegerejwe ku bagize komite.

**Ingingo ya 7: Korohereza komite mu mikorere yayo**

Akarere karohereza abagize Komite y'ubujurire kugirango ishobore kurangiza neza inshingano yahawe.

**Ingingo ya 8: Imyitwarire y'abagize komite**

Abagize komite bazarangwa n'ibi bikurikira:

1. Ubushishozi no gutega amatwi abajurira n'abatanga amakuru;
2. Kuvuga rumwe;
3. Kuba inyangamugayo, kwirinda amarangamutima n'icyenewabo;
4. Kumva no gushyigikira politiki ya Leta yo gutanga inguzanyo ya buruse.

**UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo z'inyandiko ngenderwaho zinyuranije n'izi**

Ingingo zose z'inyandiko zibanziriza iyi kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

**Ingingo ya 10: Igihe iyi nyandiko ngenderwaho izatangira gukurikizwa**

Iyi nyandiko ngenderwaho itangira gukurikizwa ku munsi ishyiriweho umukono

Bikorewe i Kigali, kuwa ........... 09 SEP 2015

**James MUSONI**
**MINISITIRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**Vincent BIRUTA**
**MINISITIRI W'UBUREZI**